


**SPECIAL
BURUNDI**

**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO
KURENGERA RUBANDA
NYAMWINSHI.**

KANGURA N'ABATEGETSI B'I BURUNDI

**TWAMENYE IMPA-
MVU FRODEBU YATSINZE**

**AFURIKA IKENEYE ABAPERE
ZIDA BANE NKA NDADAYE
HYACINTHE LISANSI YIBYE IRAMU
HAMA**



Uhereye ibumoso uyya ihuryo : Perezida Ndadaye Melchior, NGEZE Issa, Habimana Djuma, Babahe Samson.

Perezida Ndadaye aramutsa Ngeze Hassan.



Perezida Ndadaye aramutsa Nyabyenda Issa.

Perezida Ndadaye aramutsa Joel HAKIZIMANA. Uri hagati ni NGEZE Hassan.

Bimensuel Indépendant

Éditeur, Gisenyi-Info

Rédacteur et Distributeur, Gisenyi-Info

B.P. 19 Gisenyi, B.P. 1312 Kigali, Tél. 75408

Tiré sur les presses de l'Imprimerie Nationale du Rwanda

Abonnement annuel : Rwanda : 5.000 FRW

Afrique : 12.000 FRW

Europe -Amérique -Asie : 25.000 FRW

Sur cptc BCR - 14273/14 Kigali

AFRIKA IKENEYE BA NDADAYE W'U BURUNDI

Afurika ikeneye abaperezida nka Ndadaye. None se nyuma y'u Burundi, ni ikihe gihugu gitahiwe mu kubona umukuru w'igihugu ukwiranye n'ibi bihe ? Tuvuye i Bujumbura aho twageze ku wa gatandatu tariki ya 18/09/1993, tukahagera dutegerejwe cyané. natwe "tunyotewe" no gusesengura neza uko byagenze muri icyo gihugu, ubu kibarwa kuba ari cyo cya mbere muri Afurika mu gutegeka binyuze mu nzira ya demokarasi.

Kuki u Burundi ari bwo bufatwaho urugero muri Afurika ?

Abahanga mu bya politiki, bavuze ko imyaka 30 (1960 - 1990) yari ihagije kugira ngo ubutegetsi bw'ubwicanyi bwafatwaga n'imbunda ngo buhindurwe. Iyo myaka yose abakuru b'ibihugu byinshi bategekesheje igitugu. Barica, habuza abantu kuvuga, bitwaza ivangura moko n'uturere ngo hakunde barame ku butegetsi. Icyo gihe, utavugaga rumwe n'umuryango w'umukuru w'igihugu ntiyahabwaga ijambo mu gihugu cye, nta bucamaanza bwabagaho, umuntu ntiyahabwaga uburenganzira bwe, abantu bagizwe impunzi karahava, imitungo y'igihugu irasahurwa, abaturage bahumwa amaso. Bityo amarorerwa abaturage bakorerwaga ntibabone aho bayavugira n'ugerageje kuyavuga agahora muri gereza nk'uko NGEZE Hassan wa Kangura yahoragamo.

Ibihe biha ibindi.

Habanje igihe abategetsi biba, bakica ntihagire ubabona. Haza igihe abaturage babona ibyo abategetsi bakora ariko bagatinya kuvuga. Haza igihe cyo kubona abo bategetsi biba, bica, tukababona kandi tukabavuga mu binyamakuru no mu manama y'amashyaka ya politiki. Ubu dutegereje igihe cyo kubabaza ibyo byose hakoze. Bityo tukabona tukemera ko demokarasi yashinze imizi.

Kuki Melchior Ndadye ari intangarugero ?

Kugeza ubu, ahabye amatora hose, u Burundi nibwo



Perezida Ndadaye arasubiza ibibazo by'abanyamakuru.

bubaye ubwa mbere mu kugira umukandida utsinda atowe n'abaturage benshi 85 ku ijana. Ibyo byaje guiangaza abakurikirira hafi ibya politiki kubona ishyaka Frodebu ritagiraga amasaranga, ryatotejwe ku buryo bugaragara, abantu baryo bagaterwa ubwoba, abandi bakicwa, bagafungwa, ariko abaturage bajya mu matora bakagaragaza ko ibibi bakorewe, aho kubaca intege, ahiubwo byabateye gutekereza no gushyira hamwe. Bityo bagahundagaza amajwi

ubufatanye bungana kuriya nibaramuka basatanje mu kwihorera ku bibi bari barakorewe, hari utavuga rumwe na Frodebu uzasigara ? Rubanda nyamwinshi y'abarundi imaze gutahukana intsinzi, inziraguhemuka Melchior Ndadaye yasabye abayoboke be ko nta butegetsi buhora ngo butere kabiri. Abumvisha ko impamvu yatumye batsinda ari uko buri murundi yari akeneye kubona uburenganzira bwe, ko yari akeneye guhirika ingoma



Perezida Ndadaye aje kwakira abanyamakuru da Kangura. Uwo muguuu uwereka aho anyura niwe Ambassadeur muri Perezidansi.

arenga 80 ku ijana ku badepite y'ubwicanyi, ko "agateka ka muntu" b'ishyaka ryabo. Uko gutsinda kw'"inziraguhemuka" z'aba Frodebu kwaje gutera abantu ubwoba bavuga batu none bariya bantu bagaragaje

Uprona n'indi bisa nayo. Bityo umutekano ugaruka mu gihugu.

Intambara ya politiki yakozwe ite ?

Nkuko twabibwiwe "umushikiranji w'intwaro yo hagati". tukahibwirwa n'"umushikiranji wo kwivuna abansi". ari we w'ingabo watwakiriye mu biro bye, ngo abarundi bari bamaze kuramburwa n'ibikorwa hya Uprona. Urebye ibibi Uprona yakoreye abarundi, hyari ngombwa ngo ishyikirizwe "sentare" Ariko kabera ko politiki y'u Burundi bushyushya isaba aburundi kubabarirana, abayoboke ba Uprona basabwe kwicuza bakubaka igihugu kimwe n'abandi barundi bose.

Abaprona ntibagira isoni.

"Abadasigana" ba Uprona bamaze gutsindwa kabera ibibi bakoze, bamwe bahise basenyukira mu yandi mashyaka. Aha ndavuga abaprona b'umutima Abandi basigaye hataye umutwe hamera nk'abasazi none nibo hakwiza ibihuha mu gihugu hose. Buri muprona wagira ngo yahawe inshingano yo gukwirakwiza ibihuha agambiriye gukurura imyiryane mu bana b'u Burundi. Ibibi bikorwa n'abaprona nyuma yo gutsindwa kwabo ni byinshi. Hari ingeso yatangiye yo gutwika amashyamha, kwangiza amasoko n'amariba... Iyo ngeso ubu yakwiriye mu gihugu hose ko inziraguhemuka za Frodebu zababwiye ko nibatisubiraho ngo bumve ko ibintu byahindutse ko zitazakomeza kubihanganira kandi bicira igihugu.

Ibihuha by'abaprona.

Kubera ko abaprona basite amafaranga menshi bibye ubwo bategeka, amwe muri ayo mafaranga bayashoye mu binyamakuru ku buryo umuyi wa Bujumbura, ubu wuzuyemo ibinyamakuru by'abaprona. Ibyo binyamakuru nibyo byirirwa bikwirakwiza ibihuha kuburyo bidatinya no kuvuga ko ni hategeka umuhutu ngo inka ntizongera gukamwa, ngo nta mvura izongera kugwa ku butaka bw'u Burundi... Baratanga ingero zidafatika, barahimba ibitarabayeho, mbese inyandiko zisohoka mu binyamakuru

by'abaprona usanga zihishe imvururu gutegeka binyuze mu nzira ya demokarasi. Ngo inteko nshinga

Icyo "inziraguhemuka" zisaba abaprona.

Kumva ko nta hwoko na bumve bwavukiye gutegeka ubundi, kumva ko ingoma z'ubwicanyi zaranze u Burundi zagombaga kivanwaho n'abanyagihugu binyuze mu nzira za demokarasi. Kumva ko buri murundi akeneye ko agateka ka muntu kakubahirizwa... Bagomba kumenya ko nibakomeza bwica amategeko, bagakomeza gukwiza ibihuha no kwangiza, "umugambwe" wa Uprona uzashyikirizwe "sentare" ikawusesa. Inziraguhemuka za Frodebu zirasaba abaprona ko bibuka ibibi hakoreye abarundi bose maze bakumva ko iyo Uprona izakuba ariyo yatsinze amatora ashize, na nubu nta demokarasi yari gupfa igeze i Burundi. Bibuke kandi ko Uprona yanze gushyiraho Guverinoma y'inzibacyuho ngo aba Frodebu batayamo none Frodebu yaberetse ko idaheza nabo ibaha imyanya ikomeye mu nzego zose ibereka ko abarundi bose bagomba gusangira byose.

Ni iki amahanga asaba Ndadaye ?

Nkuko twabibwiwe n'abahagarariye ibihuha byabo i Bujumbura, ngo amahanga asanga Ndadaye ari we rugero rw'Afurika mu

mateka (abadepte) y'u Burundi niyo ya mbere muri Afurika kabera ko yatowe n'abanyagihugu benshi, ngo ibyifuzo by'abaturage bizajya bigaragarira mu byemezo by'abo bashinga mateka na Perezida wa Repubulika. Ngo ibizajyu byemezwu n'izo nzego zombi nibyo abanyagihugu buraba bemeje kondi bijuza Ahanyamahanga barasuba Ndadaye kutarakazwa n'ibikorwa b'abaprona ngo kuko buhoro buhoro hazumva icyo demokarasi ari cyo kabera ibyabayeho. Mu haprona harimo abataye umutwe kuko batumva ukuntu Frodebu yatsinda n'ukuntu hayitutse bakayikorera n'ibindi bibi byinshi. Uko guita umutwe rero niko gutuma Uprona ikora ibidakorwa.

Imigambi Frodebu yiyeje iyigeze he ?

Mu gihe cy'amezi abiri gusa Frodebu iri ku butegetsi, imaze gukora byinshi. Yahinduye imiziwe y'abarundi ku buryo iyo igeze ku butaka bw'u Burundi usanga benshi hamaze "gususuruka" N'indamutso nta yindi ni "narasusurutse". Abakurikirira hafi ubutegetsi bwo muri Afurika, bemeza ko uwaha umugabane w'Afurika abaperezida bane bameze nka Ndadaye, ngo mu myaka mike Afurika yaba imeze nka... Amerika. NGEZE Hassan.

PALIPEHUTU, IRARWANYA NDE, IRARWANIRA NDE ?



Palipehutu ni amagambo ahinnye y'igifaransa. Mu magambo arambuye. Palipehutu bisobanura "Parti pour la Libération du Peuple Hutu". Ni ukuvuga ishyaka ngamije kubohora rubanda rwabahutu. Ni ishyaka rimaze imyaka 13 kuko nyashinzwe mu w'1980, na Nyakugendera Gahulu Rémy. Palipehutu kuva yavuka yabyukije ikibazo kitronshye mu Burundi. Aha ndayuga ikibazo cy'amoko abategetsi i Bujumbura bakomeje guhishira. Palipehutu izu kugishyira ahagaragara inamaganakarengane klabahutu ba kandamijwe n'abafutsi. Ubutegetsi bwishyaka rimwe bwarahagurutse burahagarara burwanya palipehutu karahava. Uwayishinze, ariwe Gahulu Rémy, baraniwirenza. Igine cyamashyaka menshi kigeze. Palipehutu bayihanagura mu mashyaka yagombaga kwiyamamaza mu matora. Ishyaka Frodebu aho ritsindye, abantu benshi bakeskaga ko Palipehutu igiye noneho kuva mu bwhisho igakorera ahagaragara dore ko ngo yanagize uruhari rugaragara mu itorwa rya Ndadaye.

Ibuntu rero siko bimeze. Ubutegetsi bushya n'ubwo bwose budahana ko Palipehutu ibaho, ntibuhora. Abategetsi bashya barasaba Palipehutu kubanza guhindura izina n'amatwara, ikabona ikaza guhatana n'andi mashyaka. Palipehutu izabyemera, ntizabyemera ? Aho niho hari ikibazo.

Abahutu b'i Burundi baracyake-neye kubohorwa ?

Igihe twari i Bujumbura, nta mutegetsi tutabajije ikibazo cy'ishyaka Palipehutu, n'ingabo zayo. "Forces

nationales de Libération". Uwa mbere twakabajije ni umukuru w'igihugu, Melchior Ndadaye. Yatubwiye ko abantu bo muri Palipehutu bakwiye guhindura ibitekerezo. Uburundi bushyasha butandukanye n'u Burundi bwo mu w'1972. Abarundi ntibagitemana, babana mu mahoro. Nta bwoko bugikardamiza ubunsi, abarundi bavuga icyo hategereza nta nkomyi. Perezida Ndadaye yadusabye kubwira abantu bo muri Palipehutu kwinnda ikuntu cyose cyasubiza Uburundi mu mivu yamaraso. Abarundi ngo ntibagikeneye kuryana. Mu magambo make. Ndadaye yadusabye kubwira aba palipehutu kwirinda intambara kuko aribo bayigwamo mbera na mbere. Yageze naho atwerurira atubwira ko ingufu z'abapalipehutu azi uko zingana. Ngo abasirkari ba Palipehutu bari mu Bugarama, i Sale, ku Rusumo, muri Tanzaniya, muri Zaïre azi uko bangana, intwaro bafite azi uko zingana, n'ubwoko bwazo. Ngo igihe cyose ashakiye yatumabantu be bakabafata bakabazana bababoshye. Ngo nibacishe make baze bafatanye n'abandi barundi kubaka u Burundi bushyasha.

Ikibazo cya Palipehutu twakabajije kandi Minisitiri wingabo, Liyete na Koloneli Ntakije Charles. Umusirkari wawe ntiyatinzamo. Ati : "muzatubwirire abo bantu baze duhigure turabe umugabo n'igihunda"! Kuri we ngo Ndadaye apfa kumusinya gusa, ko nta mu palipehutu ugomba gukandagiza ikirengre ku butaka bw'u Burundi, ahasigaye we "akibonanira" n'abo bantu. Ngo niba Palipehutu ifite ingufu izaze ibyerekane ! Undi mutegetsi twabajije ikibazo cya Palipehutu ni Minisitiri w'Ubutegetsi bw'igihugu, Juvénal

Ndayikeza. Yatubwiye ko igihe cya Palipehutu cyarangiye. Ngo Palipehutu ikivuka mu w'1990, intego zayo zarumvikanaga. Icyo gihe koko abahutu b'i Burundi bari bafashwe nabi. Kubasohora rero byari bifite ishingiro. Arik aho ibihe bigeze ubu. Palipehutu irabohora nde ? Ngo nize ihatane kimwe n'andi mashyaka ari mu gihugu, nayo igendere ku mategeko nk'abandi barundi bose. Minisitiri w'Ubutegetsi bw'igihugu yanaduhishuriye ko igihe cya za "Mouvements de libération" cyarangiye. Kuri we, igihe cya Palipehutu, cyaza Unita, Anc, SPLA, OLP, Parmehutu cyararangiye. Nibyo, sibyo, buri wese afite uko abyumva.

Palipehutu ubwayo ntiyumvikana.

Muri iki gihe, ishyaka Palipehutu ryacitsemo ibice bibiri. Hari igice twakwita ko gishyira mu gaciro (modérés) kiyobowe na Dr Karatasi Etienne. Hari n'igice cya kabiri kiyobowe na "Commandant" Kabura Kossan kigizwe n'abantu bacyumva ko intambara Igomba gukomeza (les radicaux). Ibyo bice byombi ntibumvikana. Buri wese avuga ko anwe uhagarariye Palipehutu nyayo, zhandi ari abagambanyi.

"Commandant" Kabura Kossan na bagenzi be, bemeza ko n'ubwo u Burundi busigaye butegekwa n'umuhutu, nte cyahinduise kigaragara. Banahama ko Perezida Ndadaye yagambaniye abarundi kandi bari baramugirije ikizere bakamuhundagazaho amajwi. Ngo ntibumva ukuntu yarekura abantu nka ba Cyprien Mbonimpa, Isidore Nyaboya. Bagaza agatahuka nk'umwami, abantu nka Bikomagu bagahambwa imyanya ikomeye kandi ngo baragize uruhari runini mu iyicwa ry'abahutu n'ibindi... Banemeza ko ishyaka Frodebu ari irya Bagaza, dore ko ngo ko ari nave warihimbye.

Ku rundi ruhande, Dr Karatasi Etienne na bagenzi be bemeza ko u Burundi bumaze gutera intambwe igaragara muri demokarasi. Bashyigikiye byimazeyo Perezida Ndadaye, bakamaganu uwo ari we wese wamukoma mu nkokora cyane cyane uwiyitirira Palipehutu. Dr Karatasi Etienne n'abeyoboke be barashyira mu majwi cyane cyane abasirkari bashatse guhirika Ndadaye mu ijoro ryo kuri tariki 2 rishyira tariki 3 Nyakanga (ukwezi kwa karindwi) 1993. Bakongera kwamagana "Commandant" Kabura Kossan na bagenzi be bashaka guteza imvururu mu Burundi. Bityo ingabo z'u Burundi zikaba zabyitwaza zikirara mu baturage. Bemeza ko

Nibonaniye na Ndadaye



Ndadaye mu Kirundi, biva ku ijambu "kudadara". Mu kinyarwanda twavuga "kunanuka". Ndadaye bisobanura umuntu unanutse, utabyibushye. Izina siryo muntu. Melchior Ndadaye ni umugabo uri mu rugero. Ntabyibushye cyane nta nubwo ananutse. Mbese ari mu rugero ruringaniye. Ni umugabo w'igikwerere usite inkovu ku gahanga n'ubwanwa burimo imvi nkeya n'ubwo bwose bitagaragara ku ifoto.

Birumvikana kandi kuko umukuru w'ighugu agomba kuboneka neza ku ifoto, akagira isura nziza. Ibyo birakorwa ku isi yose. Umpakanya azarebe ifoto y'umukuru w'ighugu cya Koreya ya ruguru, Kim Il Sung. Wagirango aracyari muto kandi ari umusaza rukukuri.

Abanonye Ndadaye bemeza ikintu kimwe ari nacyo banahurizaho. Ni umunyabwenge ukurikiranira ibantu hafi. Ari ibibera mu Burundi cyangwa se mu mahanga. Mbese ni umunyamatsiko.

Melchior Ndadaye ni umuntu uzi gusubiza, nta kibazo aba adasitiye igisubizo. Abamuzi baturahiye ko nta "dosiye" n'imwe aba atazi. Kandi natwe twarabyiboneye. Kuba umunyamatsiko ni we rwose. Ngo hari igihe kimwe agira atya agatumiza umwe mu basirikari bamurinda (abakomando b'aba bérêtsverts), akamusobanuza amoko y'imbunda ziri aho muri Perezidansi, uko zirasa, naho zishobora kurasa uko hareshya...

Ndadaye ari umunyabwenge biragaragara. Biboneka mu bisubizo byc. Ubaza ikibazo ugasanga azi neza icyo ushaka kugeraho. Kuba Perezida Ndadaye nta "dosiye" n'imwe atazi, bizwi n'abaminisitri be. Kuba Minisitri wa Ndadaye ngo nta gukina. Ni ugukora utikoresheje. Ngo hari ubwo usanga akurusha kumenya dosiyek zakorewe muri Minisiteri uyobora.

Ndadaye ni umuntu wicisha bugufi, akakira ubishatse wese. Uko kwicisha bugufi gufite isano n'ubuzima.

Suite de la p. 4

"Commandant" Kabura Kossan na bagenzi be bakoreshe na Uprona yatsinzwe mu matora ikaba akaduruvayo. Ibibera mu ishyaka Palipehutu twabigereranya nk'ibibera muri MDR yacitsemo nayo ibice bibiri. Hari MDR, hakaba na MDR Parmehutu. Ni nde uvugira rubanda ni nde utaruvugira ? Ntumbaze.

KANGURA

bwe. Perezida Ndadaye ni umuntu wahuye n'ibibazo rubanda rugufi rwahuye nabyo. Yabaye impunzi nk'abandi barundi batari bake, bityo akaba azi akababaro k'umuntu wese uba hanze y'ighugu cye. Yabaye igihe kinini i Butare ari naho yize muri Groupe Scolaire no muri Kamimuza y'u Rwanda, akaba azi ibibazo by'abanyarwanda kurusha abanyarwanda ubwabo.

Ndadaye ni mwene rubanda rugufi. Ubwo yatwakiraga muri Perezidansi ya Repubulika, yatwibwiriye ko atari umwana w'Umwami... Perezida Ndadaye nta byubahiro asaba, agomba kuba anubaha n'abanyamakuru. Mu gihe abandi abakirira mu cyumba kigenewe abashyitsi, tuc yatwakiricy mu biro bye. Kandi bitagombye gufata igihe kirekire. Upfa gusa gusaba kuvugana nawe; ahita akwemcerera nta zindi nzitizi. Nta muntu asubiza inyuma. Ari abamurwanya ari abamushyigikiye. Yatwibwiriye ko nta mpungenge yagize zo kwakira Kangura i Burundi. Ni nk'uko atatinye kwakira inkotanyi, abo muri MDR. Bagaza ndetse n'abapalipchunu. Ndadaye uko namubonye agomba kuba akunda ubutabera, ntiyumva uwarenganya undi.

Ndadaye agomba kuba nta n'ubwoba agira. Twamubajije ibyerekcy umutekano we, atwibwirira ko ari nk'uwabandi bakuru b'ibihugu. Mu gihe twari tuzi ko azafata abahutu akaba arivo bamurinda, siko bimeze. Umugenda inyuma (officier d'ordonnance) ni umuiutsi. Ndetse n'umutwe w'abakomando bamurinda ugizwe ahanini n'abatutsi niba atari bo gusa. Dore ko ari nabo bagize ingabo z'ighugu. Nta muntu basaka, nta n'ubo bareba nabi. Icyo basaba ni ukubahereza urupapuro rw'inzira. Nta wundi. muhango. Wabavugisha bakakwihorera cyokora mu

kinyabupfura. Nabo bagomba kuba bazi ko ibantu byahindutse, sibo rero basigara inyuma.

Ndadaye kimwe n'abafasha be, akunda kuvugisha ukuri ntakukikire. Atari bimwe batubwira ngo mu Burundi nta moko ahari. Ndadaye akubwirira ku mugaragaro, "izuba ryaka" ko mu Burundi hari amoko atatu, abahutu, abatwa n'abatutsi. Ayo moko akaba agomba kandi akeneye kubana mu bwumvikane mu bwubahanc mbesi mu mahore. Ndadaye n'abafasha be bafite uko bumva ubumwe bw'abarundi butandukanye n'ubwo ku ngoma zahuse. Ubunwe si ugufata abaminisitri 12 b'abahulu n'abaminisitri b'abatutsi 12 ugakubita aho ngo ubunwe bw'abarundi bwabonetse. Ubunwe nyabwo ni ukumvisha buri wese ko ntaho ahejwe mu gihugu cye. Ubunwe ni uguhesha buri wese icyo amategeko amwemerera. Umuhutu ntazire ko ari umuhutu, umututsi nawe bikaba uko ntazire ubwoko bwe. Abarundi bose bakareshy imbere y'amategeko.

KANGURA

TRANS.:
"Commandant" kabura Kossan na bagenzi be bakoreshe na Uprona yatsinzwe mu matora ikaba akaduruvayo. Ibibera mu ishyaka Palipehutu twabigereranya nk'ibibera muri MDR yacitsemo nayo ibice bibiri. Hari MDR, hakaba na MDR Parmehutu. Ni nde uvugira rubanda ni nde utaruvugira ? Ntumbaze.
"Commandant" kabura Kossan na bagenzi be bakoreshe na Uprona yatsinzwe mu matora ikaba akaduruvayo. Ibibera mu ishyaka Palipehutu twabigereranya nk'ibibera muri MDR yacitsemo nayo ibice bibiri. Hari MDR, hakaba na MDR Parmehutu. Ni nde uvugira rubanda ni nde utaruvugira ? Ntumbaze.
Mu hirundo libanze bijye abagoragara maze ukuregetsi traitemenye rubume didore lyo myi-gorogombya izumusubura mu biro mu mu nza ya feta. Apozembizi Atare arakive murray.

IKIGANIRO KANGURA YAGIRANYE NA MINISITIRI W'INGABO, LIYETONA KOLONELI NTAKIJE CHARLES.



Uho wambaye amadarubindi niye ushinzwe itangazamakuru muri Perezidansi. Turamushimira ukuntu yadufashije mu kubonana n'abategetsi.

Minisitiri w'ingabo ati : "Abo ba Palipehutu bazoze duhigure maze turabe umugabo n'ighunda".

K: KANGURA

N.C. : Ntakije Charles

K: Minisiteri muyobora yitwaye ite mu bihe by'amashyaka menshi ?

N.C. : Ibwirizwa shingiro rya Republika y'u Burundi rivuga neza aho tutogomba guhagarara. Na tue niho tutogomba kuba. Dusabwe gushigikira ubumwe no kubahiriza umutekano.

K: Igisoda ngo kigizwe n'ubwoko bumwe ?

N.C. : Ivo ni ivyanditswe n'ibinyamakuru vy'iwanu n'ibinyamakuru vy'i buraya. Ngaha iwacu hari amategeko agena kwinjira mu gisoda.

Umuuntu asabwa kuba ari umurundi, abishoboye kandi abinyotewe. Vuba ngaha hari ibizamini vyakozwe vyo kwinjira mu ishere rikuru rya gisirkari. Abiyise abahutu 6, bari biyandikishije nk'abandi, nyuma baratsindwa; nibwo batanguye gusakuza.

Televiziyo y'u Burundi ica ishaka abo bantu batsinzwe. Bo nyene biyerereye ko ihiganwa ryabatsinze. Ico tue tubona ni uko hari abagifise ubushake buke bwo kuja mu gisoda.

K : Muri Afurika, ibihugu byinshi byaje gutegekwa n'abasirkari. Mu Burundi ho hashize imyaka 30 abasirkari

arivo bayobora igihugu. Murabona muri aya mezi atatu ashize igihugu kiyoborwa n'umusiviri ahagije kugira ngo umusirikari abe yaretse burundu kwivanga mu bya politiki ?

K: Ko Major Petero Buyoya yasabye mise en disponibilité, aramutse agatse nta ngorane byateza ?

N.C. : Ushize mu gaciro, Buyoya ntashobera kugaruka. Umwanya ibwirizwa shingiro rimuha uri hojuru cane ku buryo atari we wakwemera kwisubiza hasi. Afise strati nziza cane Tugige mu bintu vyliminsi mikuru, aza imbere ya Guverinoma. Mu bijana n'akazi, agarurso twomwakira Arko Simbonye ingene yokwemera kuba Chef de bataillon kurula kuba munisi ya Perezida wa Assemblée nationale. Twibaza natwe icatumyc yaka mise en disponibilité lukagiheba.

K : Niba atari ukubavangira, han ishyaka ryitwa Palipehutu rifite n'ingabo, niryemererwa muzemera kwekaza ingabo zaryo.

N.C. : Ikibazo ca Palipehutu ntikiraba igisoda. Kandi umuntu wese woza akubwira ngo ndi umusoda, nzi kura-se, siko womwakira mu ntaramuheto z'igihugu. Igisoda c'u Burundi gitse amategeko kigenderaho.

K : Ko n'abategetsi bo mu Rwanda ban bafite imvugo nk'iyo none ubu



Uhoreye ibumoso ni Mzee Hassan, Ambassadeur w'u Rwanda mu Burundi.

Dushimishijwe n'abategetsi bwa Ntadaye bumvorohereza imirimo.

N.C. : Twebwe twatangiye kare kwigisha abasoda demokarasi. Abasoda bafise imyaka 4 imbere y'ibwirizwa basanzwe. Hari abantu myenvisi ko iyo umusirikari abaye Palipehutu. Gisoda cose kija muri polisi Cya, hankorwa iyo twita "demokarasi", ntabwo umusirikari unu muri polisi abarwa nk'abasirkari basanzwe.

N.C. : Iva FPR n'u Rwanda ntaho bishuriye n'ivyu Burundi. Kandi nokubwiye ko ikibazo ca Palipehutu

kitaraba igisoda. Ahubwo umbajije uti ; Palipehutu iteye woyishobora?". Aho nakwishura. Perezida ansinyiye ngo ntihagire n'umwe umukandagirira ku butaka abo Ba Palipehutu twobonana. Bazaze, Perezida ansinyire, duhigure maze turabe umugabo n'igihunda.

K : Mu minsi ishize hari yrwikekwe hagati y'u Rwanda n'u Burundi. U Burundi buti : "u Rwanda rushigikira Palipehutu". U Rwanda narwo ruti : "u Burundi bushyigikira FPR".

N.C. : Mu gisoda ntwigizeze tuvuga ayo magambo. Niba mwaravyumvanye umusinzi, ivyo ntibituraba. Dufise inzego z'ubutasi, hari ivyo abategetsi b'u Rwanda batubwira, vyose dusanga bimeze neza.

K : Ubu twakwizera ko mu rwego rw'umutekano, nta twikekwe ruzongera kubaho hagati y'ibihugu byombi ?

N.C. : Ivyo biragaragara. Bitabaye

ivyo wowe (NGEZE Hassan) ntabwo uba wicaye ngaha muri minisiteri yo kwivuna umwansi. Atabwo uba wicaye ngaha ngo umbaze ivyo wishakiye. Ico ni ikimenyimenyi c'uko ata rwikekwe rukiriho. Umunyarwanda azidegembya mu Burundi uko ashaka, uko abishoboye. Ariko nakora amakosa tuzomufata ata kuzuyaza.

K : Hari abanyarwanda Cladho (ihuriro ry'amashyirahamwe arengera uburenganzira bw'ikiremwa muntu) risaba ko mwafungura. Abo banyarwanda ngo bafashwe muri 1991 bagiye gufasha Inkotanyi ku rugamba. Abo bantu nta na hamwe barengerwa n'amasezerano y'Arusha none mwe muzabarekura ryari? Bazatahuka ryari?

N.C. : Nta banyarwanda bafunze bazi- ra ubukotanyi kandi nobabwiye ko ata nkotanyi zigeze zifashwa n'u Burundi. Kereka niba hari amazina mwoba muzi kimwe na prison bafungiromo.

NDLR

Ibarurwa yanditswe na CLADHO isabira abo banyarwanda gutahuka yadusanze i Bujumbura, turi hafi kubonana na Minisitiri w'ingabo. Nk'uko mubibona mwese, izo mfungwa arazihakanye. Twanze kwi- riwa tumubwira gereza bafungiromo n'amazina yabo nk'uko tutiriwe tumubwira aha inkotanyi zitoerezaga. Aho inkotanyi zifite inyungu zikoresha amayeri yose kugira ngo zigere ku mugambi wazo. None abo bantu bafatiwe mu Burundi bate kandi ubusanzwe bahakana ko Buyoya yabafashije? Minisitiri w'ingabo yonjeve kudutumira mu Gushyingo kugira ngo atubwire ijambu ku rindi, isaha ku yindi, ibyabereye muri Ntega na Marangara. Azagira n'icyo atubwira ku yandi makuba yagwiriye u Burundi. Yatwieje ko azi byinsi cyane ku buryo kubisobanura byamufata umunsi mu- zima !

KANGURA.

INGARUKA Z'INVURURU ZABEREYE I RWAMATAMU MURI KIBUYE ZIRACYAKOMEZA.

KANGURA yari imaze iminsi yunvako hari abantu bagikurikiranwa n'imvururu zabereye muri NDUBA ya RWAMATAMU. Yaje gusanga ari ngombwa gukurikirana icyo kibazo, maze ishaka ukuntu yagishyira ahagaragara. Mu by'ukuri, insoresore eshanu zifunzwe kubera izo mvururu sizo nyirabayazana. Abazitumye baracyakataje mu bugizi bwabo bwa nabi. Ubu icyka cyibi kiracumbeka, ubutegetsi nibudakurikiranira ibintu hafi, inkongi y'umuriro iraza guca ibintu.

Nk'uko mubizi, muri Nyakanga 1992 muri NDUBA habereye imvururu hagati y'abayoboke ba MRND na MDR. Hari ikirara Burugumesitiri wa RWAMATAMU yafashe kubera amakosa cyarimo noneho abayoboke ba MDR barakimwambura ku mpamvu z'uko gusa bari bahuje ishyaka n'icyo kirara. Abayoboke ba MRND bahise batabara Burugumesitiri wabo uzwi nk'umuyoboke wa MRND bafungura n'umuhanda wari wafunzwe n'abayoboke ba MDR.

Muri izo mvururu hari abantu ku giti cyabo bari basanzwe bifitaniye inzangano n'amashyari. Ubwo abari kuruhande rwa MDR bahise bohereza INSORESORE kujya gusenyera abari mu yandi mashyaka bakaba nyine bari basanzwe batumvikana. Ni muri urwo

rwego umugabo witwa KAJEGUHAKWA Eliezer, Perezida wa MRND muri RWAMATAMU yasenyewe amazu ye yose, urusengero ahagarariye rwa "Eglise Néo-Apostolique", agatwikerwa ikawa, intoki zigatemagurwa, n'inka bikaba uko. Undi watwikiwe ni uwitwa GITERA; bamwangirije amazu, intoki, ikawa n'imrima. KARANGWA, HIGIRO, HABYARIMANA Anastazi, BUTAZA Lawurenti n'abandi benshi nabo baralwikiwe barasenyerwa. Muri rusange habaruwe amazu cumi na biri yononwe bihagije.

Abavugwa mu batumye abo bagizi ba nabi ni MUGAMBIRA Aphrodite, SEKIMONYO ukora muri MINIMART na bagenzi be.

IKIZATEZA IZINDI MVURURU KURI NDUBA, MU GICU CYA RWAMATAMU.

KAJEGUHAKWA yaje gulahu- raho Mugambira ibikorwa by'ubwicanyi, aza kumurega kuri Parquet ya KIBUYE. Kuva icyo gihe nyirukuregwa ahita ashyira Kajeguhakwa mu mubare w'abanzi. Gitera nave yigeze kurega Mugambira mu nzego nkuru za MRND ngo ntagikorera iryo shyaka kandi MUGAMBIRA yari agamije kuryihi- shamo nk'abandi bose.

Butare Eliyezeri we azira kuba yarazanye ubwikorezi bw'iintu muri

Rwamatamu akoresheje ibyombo (amato). Mugambira yaje kumugirira ishyari kubera ko nawe akora ubwo bwikorezi mu kiyaga cya KIVU.

Hambere aha ibyombo bya Mugambira byagonze ibya butaza ku bwende. Ibyo byabaye hashize igihe gito cyane biyunze nk'uko abaturage bo muri aki karere babivuga. Abo baturage bongera kuvugako Mugambira yari afite amakuru amumenyeshako Butaza ari muri ibyo byombo.

Abazi akamaro Butaza afitiye Rwamatamu bakomeje kumusaba kugaruka akava mu buhungiro, anko kugeza ubu abasubizako umutekano udahagije. Abasenyewe bose nabo ni uko, n'ubwo hari abatarahunze. Bage- rageza kuguyaguya Mugambira ariko ntakigenda.

None rero ubutegetsi bwari bukwiye gukangara uwo mugabo, bukamwumvishako Rwamatamu atari iya se, ntibe n'ubwatsi bwe agomba kwitwaremo nka cya kimasa cya kimasa cya komini icyo mu minsi ishize. Na none kandi ubutegetsi bwa Komini Rwamatamu bwagombye kwihutira gusubiza abahanze mu byabo vuba, umutekano wabo ugakurikiranira hafi. N'aho ubundi abatumye muri aki karere haba imvururu baracyashyamiranye.

NYABYENDA Issa.

IKIGANIRO KANGURA YAGIRANYE NA NDADAYE

Tariki ya 20 nzeri 1993, abanyamakuru ba KANGURA bari mu ruzinduko rw'akazi i Burundi, bashoboye kubonana n'u-mukuru w'igihugu cy'u Burundi Melchior NDADAYE mu biro bye.

Ibitekerezo vyacu vyari bimaze gukomera. Twari tumaze kubona ko ibitekerezo vyiza ari ivyashira hamwe abarundi bose baharanira demokrasi, abarundi bose nta vangura ry'amoko. Nico

Icerekana ko abarundi bari bakeneye ibitekerezo nk'iyo, ni ukuntu bari bakeneye umuntu abakiza agaceko, akarengane n'ubwikanyize. Maze gutorwa ikintu nihutiye, ni ugushiraho Leta nshasha igizwe na 60% vy'abaturaka mu mugambwe FRODEBU na 40 vu'abaturuka mu yindi migambwe. Abo 40% twobashizemo kubera gukomeza guhumuriza abarundi. Twobashizemo kugira ngo hatakomeza kubaho Abarundi barebana nk'i-bikoko. Kandi rero aho ibantu bigeze turabona ko vyagize akamaro. Tweretse abanyagihu gu ko tudashaka kwihorera, tweretse abanyagihu gu ko bakwiye kubabarana. Naho umuntu yoba ataradushigikiye, icango mbwa twaratsinze, demokrasi yaratsinze. Iyo Leta twayihaye intego yo gushira mu bikorwa porogaramu ya FRODEBU igizwe n'ingingo 46 nakwita incamake y'lyo programu. Buri Minisitiri wese agomba kwiga uburyo programe FRODEBU yosirwa mu bikorwa.

Mu minsi ya vuba aha tuziga 6ème plan quinquenal. Muri iyo plan niho tuzoshimira ivyo twareye abarundi. Iyo migambi yose tuzoyiga neza kugira ngo turebe ukuntu twayisabira imfashanyo hanze.

Twakoze na none ivugurura muri ba mburamatare na ba musitanteri. Abo twashizeho basha, abaza ku murongo wa mbere ni aba FRODEBU ivyo birumvika na. Cakora n'abandi nabo twarabahaye baratwara. Kuri abo bose, tubanza kureba niba bafise ubushobozi. Muri iki gihe gito amakomini atanguye kwivugurura, amahoro arakirwa neza, n'abaturage bakayaha abantu bizeye. Igikorwa kidukomereye ni ic'itahuka ry'impuzi. Dufise amikoro make yo kubakira. Nyio mpamvu ubu turi gukora gahuna y'ibikenewe kugira ngo dusabe imfashanyo. Cakora kuva impunzi z'abarundi zabaho, ubu nibwo bwa mbere zitashe ari nyinshi cane, zifise ubushake n'umutima uru mu nda. Urwo ni urundi rugero rwerekana ko demokrasi yatsinze mu Burundi.

K: Ko mwihuta cyane, aho mu mezi atatu ntimuzaba mwar-



Twaganiriye kuri politiki y'u Burundi bushyashya, ku kibazo cy'ubumwe bw'Abarundi, ku kibazo cy'ingabo z'u Burundi zigizwe n'ubwoko bw'abatutsi, no ku kibazo cya PALIPEHUTU. Perezida NDADAYE yadushubije atazigura, atubwiza ukuri kose. Mwisomere namwe.

K: KANGURA

N.M.: Melchior NDADAYE

K: Nyakubahwa Perezida wa Republika y'u Burundi, twifuzaga kumenya inzira mwanyuzemo kugira ngo mugere ku butegetsi.

N.M. Ikintu cya mbere ngomba nababwira ni ukubibusu mu magambo make igituma twatanguye urugamba tumaze gu-tsinda. Urugamba twarutanguye tukiri bato. Nje narutanguye nkiri i Butare mu Rwanda. Ico gihe nari mfise imyaka 22. Niho nashinze umuharl w'abanye shure uharanira amajyambere mu Burundi. Hanyuma uwo mu-hari uvvara umugambwe w'abakozi b'u Burundi, hanyuma na none uwo mugambwe w'abakozi uza kuvyara FRODEBU mu mwaka w'1986. Ico gihe

gituma ishaka ryacu twaryise "Front" ari vyo bisobanura ihuri-ro ry'abantu bose ry'inguvu zose zihuriye ku bitekerezo, zihuriye ku mugambwe umwe.

Umagambwe twari duhuriyeho rero ni demokrasi mu Burundi. Kubera ko iyo uravjeuko demokrasi yari imaze mu Burundi wasanga ushaka ubutegetsi atarabigeragaho mu buryo bweme-we. Abo bose bayoboye u Burundi babigezeho bakoresheje imbunda, imiheto, umuriro. Hari abarundi benshi cane batari bashigiklye ubwo buryo. Nyio mpamvu twashatse ko habaho demokarasi ituma umunyapolitiki agera kuwo ashaka mu kuri n'umuturage naphe akabaho mu mahoro nta kurenganya. Demokrasi rero ni yambo rikubiyemo ibintu vyinshi: hari ukwihira ukizana, harimo uburengeanzira canke agateka ka muntu, harimo ukungana kw'abanyagihu imbere y'amategeko, harimo ivyo uyose bituma igihugu gitera imbere, iyo uyose kandi bigakorwa umuturage afise umutima mu nda. Ngivyo ibitekerezo twashatse guhurizaho abarundi bose bo mu bwoko bwose no mu turere twase tw'igihugu.

ngije programme mwiyahé ?

N.M.: (igitwenge) Programu yacu si iyo guhindura ba mustanderi na ba mburamatare ! Dufise programme ndende, idashobora no kurangira mu myaka itandatu. Reka mbahe akarorero. Ubu turashaka gukwirakwiza umuyangankuba mu makomini yose y'igihugu na za centres zose n'imidugudu. Turakora rero "Plan national d'électrification" idashobora kurangira mu myaka 5. Ndabaha akarorero ko gukwirakwiza amazi meza mu gihu. Uwo mugambi urashobora gutwara imyaka myinsi. Turashaka kongera imihanda ihuza amakomini kugira ngo abatrage barusheho guhahirana. Ibyo ntibishobora kurangira ejo mu gitondo canke ejo bundi ku mugoroba. Bizamara igihe kitari gitto n'amafranga menshi. Nko kubaka amashure, bizotwara igihe, mu buhinzi bibe uko ...

K.: Amakimbirane ahora agaruka hagati y'u Rwanda n'u Burundi kuva ku ngoma z'abami kugera ku z'abaperezida, mwumva azagaruka muri iyi myaka 5 mumaze gutorerwa ?

N.M.: Njewe sindi umwana w'umwami. Ivo abami bama bapfa bireba abami. Ivo abaperezida bo kuri Repubulika ya mbere, ya kabiri, ya gatatu ku ruhande rw'u Burundi na Repubulika ya mbere n'iya kabiri ku ruhande rw'u Rwanda, ivyo abo baperezida bapfuye, niba bihari, nibo bonyine biraba. Sinje biraba. Twebwe ico tugamije ni icagirira akamaro abarundi bacu n'abanyarwanda b'iwayu. Abarundi badutoye, ntibadutoye kugira ngo bumve ngo tworwanye n'u Rwanda. Oya ivyo ntibirimo.

